UBUTUMIRE MU NAMA RUSANGE Y'ABANYAMIGABANE MURI BANKI YA KIGALI

Mutumiwe mu Nteko Rusange Ngarukamwaka y'Abanyamigabane muri "Bank of Kigali Limited" izabera muri Marriot Hotel, Kigali Rwanda wa Kigali kuwa Gatanu tariki ya 05 Gicurasi 2017 i saa Tatu z'amanywa (09:00') ikazaba ifite ku murongo w'ibyigwa ibi bikurikira:

1. Kwemeza niba umubare usabwa kugira ngo inteko iterane wuzuye;
2. Gusoma itangazo ritumiza inama bikozwe n'Umunyamabanga;
3. Kwakira, gusuzuma ndetse no kwemeza, igihe bibaye ngombwa, raporo y'umwaka ndetse na raporo z'ibaruramari nyuma y'igenzura byo mu mwaka warangiye kuwa 31/12/2016 ndetse na raporo y'Umuyobozi w'inama y'ubutegetsi, abagize inama y'ubutegetsi ndetse n'abagenzuzi;
4. Kwemeza inyungu ku migabane ingana na RWF 8,302,347,000 ndetse n'itangwa ryayo, aya akaba angana na 40% y'inyungu yabazwe nyuma y'igenzura rishingiye ku mahame mpuzamahanga y'itangwa rya raporo mu by'imari (International Financial Reporting Standards (IFRS)) mu mwaka wa 2016;
5. Gutora abagize inama y'ubutegetsi;
6. Kwemeza agahimbazamusyi kabo;
7. Kuganira ku zindi ngingo zashyikirijwe ubunyamabanga bwa sosiyete mu gihe no mu buryo bikwiye.

Bisabwe n'Inama y'Ubutegetsi
Dr. Shivon Byamukama
Umunyamabanga
KN4 Ave No12 Plot No 790
Kigali

Intumwa

Umunyamigabane wagombaga kwitabira inama no gutora utabashije kwitabira afite uburenganzira bwo guha undi muntu ububasha bwo kumuhagararira mu nama no gutora mu mwanya we. Uhabwa ububasha agomba kuba ari umunyamigabane muri Sosiyete.

Kugira ngo ububasha bwatanzwe bugire agaciro, inyandiko itanga ububasha yabugenewe igomba kuzuzwa n'umunyamigabane utanga ubwo bubasha igashyikirizwa ubunyamabanga bwa Sosiyete ku cyicaro gikuru cya Banki ya Kigali, ikibanza no. 6112, Avenue de la Paix, Kigali, Rwanda bitarenze kuwa 02 Gicurasi 2017 saa yine za mu gitondo (10.00 a.m), atabyubahiriza ububasha yatanze ntibugire agaciro. Igihe ari Sosiyete yatanze ububasha, inyandiko itanga ubu bubasha igomba kuba iriho ibirango na kashi byayo.

Ifungwa ry'igitabo cy'Abanyamigabane

Inyungu ku migabane yo mu mwaka warangiye tariki ya 31/12/2016 ingana na FRw 8,302,347,000 izishyurwa Abanyamigabane muri Sosiyete bari mu gitabo cyabugenewe nyuma y'isozwa ry'ibikorwa by'ubucuruzi tariki ya 09 Kamena 2017. Inyungu ku migabane izatangwa mu matariki ya 30 Kamena 2017.

BANK OF KIGALI
Financially transforming lives